Kinyarwanda

# Gukoresha Umukandara wo mu modoka igihe utwite



## Ese ngomba kwambara umukandara wanjye wo mu modoka?

- Yego. Kwambara umukandara wo mu modoka neza ni cyo kintu cy'ingenzi ushobora gukora kugira ngo urinde umutekano wawe n'uw'umwana wawe.

## Ni gute ngomba kwambara umukandara wanjye wo mu modoka?

- Shyira umukandara wo mu nda munsi y'igice cyo hasi cy'inda yawe kuburyo umukandara ufata ku matako yawe.
- Ambara umukandara wo ku rutugu ku ruhande rw'inda yawe, unyuremo uciye mu buryo buhengamye hagati mu gituza cyawe no ku igufa ryo ku rutugu.

## Ni gute nahindura icyicaro cyanjye?

- Icara mu buryo bugororotse kandi bworoshye.
- Hindura icyicaro cyawe kuburyo ushobora:
  - Kanda icyuma cya feri ukimanure ukoresheje ubworo bw'ikirenge cyawe ubufatishije ku cyuma.
  - Fata hejuru ku ruziga ruyobora imodoka, inkokora7yawe igororotse gake.



## Nakora iki ku birebana n'amapaki y'imyuka y'imodoka yanjye?

- Hengamisha uruziga ruyobora imodoka ku buryo ipaki y'umwuka ireba ku gituza cyawe.
- Hindura icyicaro cyawe n'uruziga ruyobora imodoka kugira ngo ugire byibura santimetero 25 hagati y'ipaki y'umwuka n'igituza cyawe.

## Nakora iki mu gihe ndi mu mpanuka?

- Shaka ubufasha bw'ubuvuzi bwihuse kandi ubwire umuganga ugenzura ugutwita, n'iyo waba wumva utakomeretse.

*Ku bindi bisobanuro, sura* **www.hcpvs.org**

Hudson Center for Prenatal Vehicle Safety

© 2026 HCPVS Uburenganzira bwose burubahirizwa